Lorsqu'un contrat implique plus d'un promettant, certains d'entre eux ou tous peuvent promettre la même prestation, qu'il y ait ou non également

bahuriyeho, haba hariho cyangwa hatariho gukora ibisabwa bitandukanye.

Iyo abagenewe isezeranya ari benshi, icyasezeranyijwe gishobora gukorerwa bose nk'abibumbiye hamwe, kabone n'ubwo icyasezeranyijwe cyaba cyaremerewe umwe cyangwa benshi muri bo.

**Ingingo ya 7: Ubushobozi bwo gukora amasezerano**

Ubushobozi bwo gukora amasezerano bushobora kuba bwose cyangwa bucagase kandi bushobora guhindagurika bitewe n'imiterere y'amasezerano cyangwa ukurikije uko ibintu biteye.

Umuntu wemeye gukora amasezerano aba afite ubushobozi bwemewe n'amategeko bwo gukora amasezerano keretse iyo :

1° ari ku bwishingire;
2° adafite imyaka y'ubukure ;
3°afite uburwayi bwo mu mutwe cyangwa yatakaje ubwenge.

Nta nkurikizi z'amasezerano zibaho ku ruhande rudafite ubushobozi buteganywa n'amategeko bwo gukora amasezerano.

**Icyiciro cya 2: Kwemeranya kw'impande zigirana amasezerano**

**Ingingo ya 8: Uburyo bwo guhamagarira gukorana amasezerano no kubyemera**

Kwemeranya kw'impande zigirana amasezerano

promises of separate performances.

Where there are multiple promisees, the promise may be made to all of them as a unit, even if a performance would be promised to one or more of them.

**Article 7: Capacity to contract**

Capacity to contract may be full or partial and may vary with the nature of the contract or other circumstances.

A natural person who manifests assent to a contract shall have legal capacity to contract unless he/she is:

1° under guardianship;
2° a minor;
3° mentally ill or insane.

A party shall not be bound by a contract if that party does not have legal capacity to contract.

**Section 2: Mutual assent of parties**

**Article 8: Offer and acceptance**

Mutual assent of parties shall consist of an offer

des promesses de prestations séparées.

Lorsqu'un contrat implique plusieurs bénéficiaires de la promesse, la promesse peut être faite à tous en tant que groupe, même si une prestation serait promise à l'un ou plusieurs d'entre eux.

**Article 7: Capacité de contracter**

La capacité de contracter peut être totale ou partielle et peut varier selon la nature du contrat ou selon d'autres circonstances.

Une personne physique qui donne son consentement à un contrat jouit de la capacité juridique de contracter sauf si elle est:

1° sous tutelle;
2° mineure;
3° mentalement malade ou déficiente.

Aucune partie ne peut être liée par un contrat si elle n'a pas la capacité juridique de contracter.

**Section 2: Consentement mutuel des parties**

**Article 8: Offre et acceptation**

Le consentement mutuel des parties consiste

bigaragazwa n'uko uruhande rumwe rwahamagariye urundi kugirana amasezerano na rwo rukabyemera.

**Ingingo ya 9: Kugaragaza kwemeranya kw'impande zigirana amasezerano**

Kugira ngo amasezerano akorwe, ukwemera k'uruhande rumwe kugomba guhura n'ukwemera k'urundi ruhande.

**Ingingo ya 10: Ibiranga ihamagarira gukora amasezerano**

Ihamagarira gukora amasezerano rigomba kumenyeshwa urundi ruhande rusabwa kuryemera, rikagaragaza ubushake bwo gukora amasezerano no gusobanura neza ibizaba biyakubiyemo.

**Ingingo ya 11: Ihamagarira gukora amasezerano amwe cyangwa menshi**

Ihamagarira gukora amasezerano rishobora guteganya gukora amasezerano amwe n'ukwemerwa kumwe cyangwa gukorwa mu masezerano menshi yemerwa ku buryo butandukanye.

**Ingingo ya 12: Ihamagarira gukora amasezerano risaba isezeranya cyangwa igikorwa**

Iyo hari ugushidikanya, ihamagarira gukora amasezerano ryumvikana nko gusaba uwahamagawe gukora ibyo ihamagarira risaba, asezeranya gukora ibyo ihamagarira risaba cyangwa ahitamo guhita abikora.

by one party followed by an acceptance by the other party.

**Article 9: Manifestation of mutual assent of parties**

For the contract formation, each party must manifest assent with reference to the assent of the other.

**Article 10: Essentials of an offer**

An offer must be communicated to the offeree, must manifest the intent to contract, and sufficiently define the terms of the contract.

**Article 11: Offer proposing a single contract or a number of contracts**

An offer may propose the formation of a single contract by a single acceptance or the formation of a number of contracts by separate acceptances.

**Article 12: Offer inviting a promise or performance**

In case of doubt, an offer shall be interpreted as inviting the offeree to accept either by promising to perform what the offer requests or by rendering the performance.

dans l'offre faite par une partie suivie d'une acceptation par l'autre partie.

**Article 9: Manifestation de consentement mutuel entre les parties**

La formation d'un contrat exige que chaque partie manifeste son consentement par rapport au consentement de l'autre.

**Article 10: Conditions de validité d'une offre**

Une offre doit être communiquée à son destinataire, manifester l'intention de conclure un contrat et suffisamment définir le contenu du contrat.

**Article 11: Offre proposant un contrat unique ou plusieurs contrats**

Une offre peut proposer la formation d'un contrat unique par une acceptation unique ou la formation de plusieurs contrats par des acceptations distinctes.

**Article 12: Offre sollicitant une promesse ou une prestation**

En cas de doute, une offre doit être interprétée comme sollicitant son destinataire à accepter soit par une promesse d'exécuter ce que l'offre demande, soit par la prestation elle-même.

**Ingingo ya 13: Gukoresha ingingo zisobanutse**

Ibikubiye mu masezerano biba byumvikana bihagije iyo ingingo zibigaragaza zishobora guherwaho kugira ngo hamenywe ko amasezerano atubahirijwe ndetse niba hari indishyi zikwiye zatangwa.

Ihamagarira gukora amasezerano ntiryemerwa iyo ibikubiye mu masezerano ateganyijwe bitumvikana neza cyangwa se ngo bibe byagaragazwa n'imyitwarire y'impande zigirana amasezerano.

**Article 13: Certainty of terms**

The terms of the contract are reasonably certain if they provide a sufficient basis for determining the existence of the breach of the contract and if there is compensation to be provided.

An offer cannot be accepted if the terms of the purported contract are not reasonably certain or cannot be made reasonably certain from the manifestations of the parties.

**Article 13: Certitude des clauses**

Les termes du contrat sont suffisamment certains s'ils fournissent une base suffisante pour déterminer l'existence d'une violation et s'il y a des indemnités qui doivent être octroyées.

Une offre ne peut pas être acceptée si les termes du contrat envisagé ne sont pas suffisamment clairs ou s'ils ne peuvent pas être interprétés à partir du comportement des parties.

**Ingingo ya 14: Igihe ihamagarira gukora amasezerano rimara**

Uruhande ruhamagariwe gukora amasezerano ruba rufite ububasha bwo kuyemera mu gihe cyose ihamagarira gukora amasezerano ritararangira.

Ihamagarira gukora amasezerano rishobora kurangira bitewe n'impamvu zikurikira:

1° irangira ry'igihe cyavuzwe mu ihamagarira gukora masezerano;

2° ukwisubiraho k'uhamagarira gukora amasezerano;

3° kwanga k'uhamagariwe gukora amasezerano;

4° guhindura ibikubiye mu ihamagarira gukora amasezerano bikozwe n'uhamagariwe gukora amasezerano;

5° urupfu cyangwa gutakaza ubushobozi k'uhamagarira cyangwa uhamagariwe gukora amasezerano;

6° kwangirika kw'ikintu ihamagarira gukora amasezerano ryari rishingiyeho;

7° igihe bigaragaye ko amasezerano ateganijwe adahuje n'amategeko cyangwa atubahirije impamvu ndemya gihugu.

**Article 14: Duration of the offer**

The offeree shall have the power of acceptance which is valid as long as the offer doesn't expire.

The offer may expire due to the following reasons:

1°expiry of the offer duration;

2° withdrawal ;

3°rejection ;

4°counter-offer by the offeree;

5°death or incapacity of offeror or offeree ;

6°destruction of the subject matter to which the offer relates ;

7° in case the type of the proposed contract is contrary to the law or public order.

**Article 14: Durée de l'offre**

Le destinataire de l'offre a le pouvoir de l'accepter et ce pouvoir reste valide aussi longtemps que l'offre n'est pas expirée.

L'offre peut expirer pour des raisons suivantes :

1° expiration de la durée de l'offre;

2° retrait de l'offre ;

3° rejet ;

4° contre-offre faite par le destinataire;

5° la mort ou l'incapacité de l'offrant ou du destinataire de l'offre ;

6° la destruction de l'objet de l'offre ;

7° si le contrat envisagé est de nature à porter atteinte à la loi ou à l'ordre public.

**Ingingo ya 15: Kwanga k'uhamagariwe gukora amasezerano**

Ukugaragaza ubushake bwo kutemera ihamagarira gukora amasezerano ni kimwe no kwanga keretse iyo uhamagariwe gukora amasezerano agaragaje ubushake bwo kwemera amaze kwibaza.

Uhamagariwe gukora amasezerano atakaza ububasha bwo kwemera kuva igihe uwamuhamagariye gukora amasezerano amenyeye ukwanga kwe.

Kwanga k'uhamagiriwe gukora amasezerano bishobora gukorwa mu mvugo isobanutse cyangwa bikagaragazwa n'imvugo cyangwa imyitwarire.

**Ingingo ya 16: Guhindura ibikubiye mu ihamagara ryo gukora amasezerano**

Guhindura ibikubiye mu ihamagara bikozwe n'uhamagariwe gukora amasezerano na byo ni uguhamagarira gukora amasezerano hari ibyahinduwe mu ihamagara rya mbere.

Iyo uhamagarira gukora amasezerano yemeye iryo hinduka, cyangwa ihindura rigaragaza neza ko ihamagara rya mbere ryavuyeho, uhamagariwe gukora amasezerano atakaza ububasha bwo kwemera.

**Ingingo ya 17: Imenyekanisha hakoreshejwe ikoranabuhanga**

Kwanga cyangwa guhindura ibikubiye mu

**Article 15: Rejection of an offer**

Manifestation of the intention not to accept an offer is a rejection of the offer unless the offeree manifests an intention to accept after reconsideration.

The offeree loses his/her power of acceptance from the time the offeror is informed of his/her rejection.

Rejection by the offeree may be by express language or may be implied from language or conduct.

**Article 16: Counter-offer**

A counter-offer made by the offeree is also an offer proposing a change of the content of the original offer.

If the offeror has accepts a counter-offer or a change that manifests the cancellation of the original offer, the offeree's power of acceptance is terminated.

**Article 17: Communication by electronic means**

A rejection or counter-offer by electronic means

**Article 15 : Rejet de l'offre**

La manifestation de l'intention de ne pas accepter une offre constitue le rejet de l'offre sauf si le destinataire de l'offre manifeste l'intention d'accepter après réflexion.

Le destinataire de l'offre perd son pouvoir d'acceptation à partir du moment où l'offrant a pris connaissance de son rejet.

Le rejet par le destinataire de l'offre peut être explicite ou implicitement déduit de son langage ou de son comportement.

**Article 16: Contre-offre**

Une contre-offre faite par le destinataire de l'offre constitue aussi une offre qui propose un changement de contenu de l'offre initiale.

Si l'offrant accepte la contre-offre ou la modification qui manifeste l'annulation de l'offre initiale, le pouvoir d'acceptation du destinataire de l'offre n'est plus valide.

**Article 17: Communication par voie électronique**

Un rejet ou une contre-offre envoyé par voie

ihamagara ryo gukora amasezerano bimenyeshejwe hakoreshejwe ikoranabuhanga ntibivanaho ububasha bwo kwemera igihe cyose bitarashyikirizwa uhamagarira gukora amasezerano.

**Ingingo ya 18: Kurangira kw'igihe cy'ihamagarira gukora amasezerano**

Ububasha bwo kwemera bw'uhamagariwe gukora amasezerano burangira ku itariki igaragazwa mu ihamagara.

Uhamagarira gukora amasezerano ashobora kumenyesha uhamagariwe gukora amasezerano ko yisubiyeho mbere y'uko habaho ukwemera. Icyo gihe, ububasha bwo kwemera bw'uhamagariwe gukora amasezerano buba burangiye.

**Ingingo ya 19: Ukwisubiraho k'uhamagarira gukora amasezerano**

Ububasha bwo kwemera bw'uhamagariwe gukora amasezerano burangira iyo uhamagarira gukora amasezerano amumenyesheje ko yisubiyeho mbere y'uko habaho ukwemera.

**Ingingo ya 20: Imenyesha riziguye ryo kwisubiraho**

Ububasha bwo kwemera bw'uhamagariwe gukora amasezerano bushobora kurangira hakoreshejwe imenyesha riziguye nk'igikorwa kinyuranyije n'ubushake nyakuri bwo gukora amasezerano uhamagariwe gukora amasezerano yamenye.

does not terminate the power of acceptance whenever it is not yet received by the offeror.

**Article 18: Expiry of the offer duration**

The offeree's power of acceptance shall be terminated on the date specified in the offer.

The offeror may, before acceptance, notify to the offeree that he/she has withdrawn the offer. In that case, the offeree's power of acceptance is terminated.

**Article 19: Withdrawal of the offer**

The offeree's power of acceptance shall expire when the offeror notifies the offeree the withdrawal of the offer before offeree accepts the offer.

**Article 20: Indirect communication of withdrawal**

The offeree's power of acceptance may be terminated by indirect communication as an action contrary with an intention to enter into the proposed contract about which the offeree has got reliable information.

électronique ne met pas fin au pouvoir d'acceptation tant qu'il n'a pas encore été reçu par l'offrant.

**Article 18: Expiration de la durée de l'offre**

Le pouvoir d'acceptation du destinataire de l'offre prend fin à la date indiquée dans l'offre.

L'offrant peut, avant l'acceptation, notifier au destinataire de l'offre qu'il retire l'offre. Dans ce cas, le pouvoir d'acceptation du destinataire de l'offre prend fin.

**Article 19: Retrait de l'offre**

Le pouvoir d'acceptation du destinataire de l'offre prend fin lorsque l'offrant lui notifie le retrait de l'offre avant l'acceptation.

**Article 20: Communication indirecte du retrait de l'offre**

Le pouvoir d'acceptation du destinataire de l'offre peut prendre fin par une communication indirecte comme une action incompatible avec la volonté de conclure le contrat proposé et que le destinataire de l'offre en a été informé de manière fiable.

**Ingingo ya 21: Kwisubiraho igihe habaye ihamagarira rubanda gukora amasezerano**

Iyo hakoreshejwe ibitangazamakuru cyangwa ubundi buryo bw'imenyekanisha rusange kuri rubanda, ububasha bwo kwemera bw'abahamagariwe gukora amasezerano burangira iyo habaye imenyekanisha rusange ryo kwisubiraho nibura mu buryo bwakoreshejwe mbere iyo nta buryo buruseho bubonetse.

**Ingingo ya 22: Kwisubiraho igihe ihamagara riteganya amasezerano menshi**

Iyo ihamagarira gukora amasezerano riteganya amasezerano atandukanye asaba ukwemera gutandukanye, kwisubiraho k'uhamagarira gukora amasezerano guhagarika ububasha bwo kwemera ku byerekeye amasezerano atarakorwa. Icyakora, amasezerano aba yaramaze gukorwa agumana agaciro kayo.

**Ingingo ya 23: Uburyo bwo kwiyemerera**

Kwemera k'uhamagariwe gukora amasezerano gushobora kugaragazwa no gukora igisabwa mu ihamagara cyangwa gutanga isezeranya.

Kwemera ihamagarira gukora amasezerano ukora igisabwa bisaba gukora nibura igice cy'igisabwa mu ihamagarira gukora amasezerano.

Kwemera ihamagarira gukora amasezerano utanga isezeranya bisaba ko uhamagariwe gukora amasezerano akora ibisabwa byose mu gutanga isezeranya.

**Article 21: Withdrawal of public offer**

Where an offer is made through the media or other general notification to the public, the offerees' power of acceptance shall be terminated when a public notice of revocation is given at least through the same channel if no better means of notification is available.

**Article 22: Withdrawal of an offer proposing multiple contracts**

When an offer contemplates a series of independent contracts by separate acceptances, revocation by the offeror terminates power of acceptance related to future contracts. However, the already formed contracts shall remain valid.

**Article 23: Modes of acceptance**

The offeree's acceptance may be manifested by performance of the obligation of the offer or by promise.

Acceptance by performance requires that at least part of the obligations be performed.

Acceptance by promise requires that the offeree performs all obligations required by the promise.

**Article 21: Retrait de l'offre rendue publique**

Lorsqu'une offre est faite par voie des medias ou autre moyen de communication générale au public, le pouvoir d'acceptation des destinataires de l'offre prend fin lorsqu'un avis de révocation est fait au moins par les moyens identiques à ceux de l'offre, si aucun autre moyen de communication plus approprié n'est disponible.

**Article 22: Retrait de l'offre envisageant des multiples contrats**

Lorsqu'une offre envisage une série de contrats indépendants par des acceptations séparées, la révocation faite par l'offrant annule le pouvoir d'acceptation relatif aux contrats futurs. Toutefois, les contrats déjà formés restent valides.

**Article 23: Modes d'acceptation**

L'acceptation du destinataire de l'offre peut se faire soit par l'exécution de l'obligation de l'offre, soit par promesse.

L'acceptation par exécution des obligations de l'offre exige qu'au moins une partie des obligations de l'offre soit exécutée.

L'acceptation par promesse exige que le destinataire de l'offre exécute toutes les obligations découlant de la promesse.

**Ingingo ya 24: Ushobora kwemera ihamagarira gukora amasezerano**

Ihamagarira gukora amasezerano ryemerwa gusa n'uwabisabwe.

**Ingingo ya 25: Gukora igisabwa mu ihamagara**

Ihamagarira gukora amasezerano rishobora kwemerwa hakorwa igisabwa, igihe biteganyijwe mu ihamagara.

N'ubwo ihamagara ryateganya ko kuryemera bikorwa mu gukora igisabwa, mu gihe uhamagariwe gukora amasezerano atararangiza gukora ibikorwa by'ingenzi, uko gukora ibisabwa ntigufatwa nko kwemera.

**Ingingo ya 26 : Imenyekanisha ry'ukwemera**

Iyo ihamagarira gukora amasezerano risaba kwemera hakorwa ibisabwa, si ngombwa kumenyesha uhamagarira gukora amasezerano ko gukora ibisabwa byatangiye, keretse iyo byasabwe mu ihamagara.

Iyo uhamagariwe gukora amasezerano yemeye, akora icyasabwe, akaba azi ko uhamagarira gukora amasezerano adafite uburyo bwo kumenya neza ko yatangiye gukora icyasabwe, uhamagarira gukora amasezerano ntacyo agomba, keretse iyo:

1° uhamagariwe gukora amasezerano yihutiye

**Article 24: Person with the power of acceptance**

An offer shall be accepted only by a person to whom it was directed.

**Article 25: Performance of the obligation of the offer**

The offer may be accepted by performance of its obligation when it is so provided.

Even if the offer provides for acceptance by performance, such a performance does not constitute an acceptance if the offeree has not yet performed the essential obligations.

**Article 26: Notification of acceptance**

Where an offer requires acceptance by performance, no notification is necessary to inform the offeror that the performance has started, unless such a notification is required by in the offer.

If an offeree who accepts by performance is aware that the offeror has no adequate means to know that the performance has started, the offeror shall not be obligated unless:

1° the offeree immediately notifies the

**Article 24: Personne ayant le pouvoir d'acceptation**

Une offre ne peut être acceptée que par la personne sollicitée.

**Article 25: Exécution de l'obligation de l'offre**

L'offre peut être acceptée par l'exécution de son obligation s'il en est ainsi prévu.

Même si l'offre prévoit l'acceptation par exécution des obligations, il n'y a pas acceptation tant que le destinataire de l'offre n'a pas encore accompli l'essentiel des obligations.

**Article 26: Notification de l'acceptation**

Lorsqu'une offre exige l'acceptation par exécution des obligations, aucune notification n'est nécessaire pour informer l'offrant que l'exécution des obligations a déjà commencé, à moins qu'une telle notification ne soit prévue par l'offre.

Si le destinataire de l'offre qui accepte par exécution des obligations a de bonnes raisons de croire que l'offrant ne dispose pas de moyens suffisants pour savoir que l'exécution a déjà commencé, l'offrant n'a aucune obligation, à moins que :

1° le destinataire de l'offre notifie

kumumenyesha ko yatangiye gukora icyasabwe;

2° uhamagarira gukora amasezerano yabimenye mu gihe gikwiye.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Iyemerwa ry'ihamagarira gukora amasezerano ridasezeranya**

Ukwemera hakozwe isezeranya gushobora gufatwa nk'ikorwa ry'amasezerano iyo inshingano z'uhamagarira gukora amasezerano zirangira igihe uhamagariwe gukora amasezerano yemeye gukora amasezerano.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ukwemera hakozwe isezeranya no gusabwa kubimenyesha**

Ni ngombwa ko kwemera hakoreshejwe isezeranya bikoranwa ubushishozi, uhamagariwe gukora amasezerano amenyesha umuhamagara ko yemeye cyangwa amushyikiriza inyandiko zerekeye ukwemera kwe mu gihe gikwiye.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Kwemera ukurikije ibikubiye mu ihamagara**

Kwemera bigomba kubahiriza ibisabwa mu ihamagarira gukora amasezerano ku byerekeye isezeranya cyangwa igisabwa gukorwa.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Kwemera hakoreshejwe telefoni cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho busa na bwo**

Kwemera hakoreshejwe telefoni cyangwa ubundi buryo bwa ngombwa bw'itumanaho magirirane

offeror that the performance has started;

2° the offeror is informed within a reasonable time.

**<u>Article 27</u>: Acceptance of a non-promissory offer**

Acceptance by promise may be considered as formation of the contract if the obligations of the offeror are extinguished when the offeree accepts to contract.

**<u>Article 28</u>: Acceptance by promise and need for notification**

It is essential that acceptance by promise be made with diligence, whereby the offeree notifies the offeror of acceptance, or the offeree delivers the documents related to his/her acceptance within a reasonable time.

**<u>Article 29</u>: Acceptance complying with the terms of the offer**

Acceptance must comply with the requirements of the offer as to the promise to be made or obligation to be performed.

**<u>Article 30</u>: Acceptance by telephone or other similar means of communication**

Acceptance by telephone or other means of substantially instantaneous two-way

immédiatement à l'offrant que l'exécution a déjà commencé ;

2° l'offrant en a pris connaissance dans un délai raisonnable.

**<u>Article 27</u>: Acceptation d'une offre non promissoire**

L'acceptation par une promesse peut être considérée comme formation du contrat si les obligations de l'offrant s'eteignent lorsque le destinataire de l'offre accepte de conclure le contrat.

**<u>Article 28</u>: Acceptation par promesse et nécessité de notification**

Il est essentiel, pour une acceptation faite par promesse, que le destinataire de l'offre fasse diligence, en notifiant à l'offrant son acceptation ou en délivrant les documents relatifs à l'acceptation dans un délai raisonnable.

**<u>Article 29</u>: Acceptation conforme aux termes de l'offre**

L'acceptation doit être conforme aux exigences de l'offre quant à la promesse à faire ou l'obligation à exécuter.

**<u>Article 30</u>: Acceptation par téléphone ou autre moyen de communication similaire**

L'acceptation par téléphone ou par autre moyen de communication réciproque substantiellement

ryihuta bikurikiza amahame asanzwe akoreshwa ku iyemerwa mu gihe impande zigirana amasezerano zihibereye.

**Ingingo ya 31: Uburyo bwumvikana bwo kwemera**

Uburyo bwo kwemera buba bwumvikana iyo ari ubwakoreshejwe mu ihamagara cyangwa ubundi busanzwe bukoreshwa ku masezerano nk'ayo ukurikije igihe n'aho ihamagara ryakiriwe, uretse iyo impamvu zizwi n'uhamagariwe gukora amasezerano zibiteganya ukundi.

**Ingingo ya 32: Kwemera ntacyo uvuze**

Iyo uhamagariwe gukora amasezerano yicecekeye cyangwa atagize icyo akora, uguceceka kwe no kutagira icyo akora bifatwa nko kwemera mu bihe bikurikira gusa:

1° iyo agize inyungu avana mu bikorwa byaturutse mu ihamagara kandi yari afite uburyo bwo kuzireka kandi azi neza ko zisaba ingurane ;
2° iyo uhamagarira gukora amasezerano yabwiye uhamagariwe ko ukwemera kwe gushobora kugaragazwa n'uko ntacyo avuze cyangwa ntacyo akoze;
3° iyo, ukurikije uko byari bisanzwe, byumvikana ko uhamagariwe gukora amasezerano yagombye kumenyesha uhamagarira gukora amasezerano ko adashaka kwemera.

communication shall be governed by the principles applicable to acceptance where the parties are in the presence of one another.

**Article 31: Reasonable means of acceptance**

Means of acceptance are reasonable if they are the same used by the offeror or other ordinary means used in similar contracts at the time and place the offer is received, unless circumstances known to the offeree provide otherwise.

**Article 32: Acceptance by silence**

Where the offeree is silent or does not make any action, his/her silence and inaction shall be considered as an acceptance only in the following cases:

1° where he/she takes benefits from the offer with reasonable opportunity to renounce and knowing that such benefits require consideration;
2° where the offeror has informed the offeree that his/her acceptance may be manifested by silence or inaction;
3° where, because of previous dealings, it is reasonable that the offeree notifies the offeror if he/she does not intend to accept.

instantanée est régie par les principes applicables à l'acceptation dans le cas où les parties sont en présence l'une de l'autre.

**Article 31: Moyen raisonnable d'acceptation**

Le moyen d'acceptation est raisonnable s'il s'agit du même moyen que celui utilisé par l'offrant ou un autre moyen ordinaire dans ce type de contrats au moment et à l'endroit où l'offre est reçue, à moins que les circonstances connues du destinataire de l'offre n'en disposent autrement.

**Article 32: Acceptation implicite**

Lorsque le destinataire de l'offre garde silence ou ne fait aucune action par rapport à l'offre, son silence et son inaction ne valent acceptation que dans les cas suivants:

1° lorsqu'il tire profits de cette offre alors qu'il y avait lieu d'y renoncer et tout en sachant que de tels profits requièrent une contrepartie ;
2° lorsque l'offrant a informé le destinataire de l'offre que l'acceptation de ce dernier peut être manifestée par le silence ou l'inaction;
3° lorsqu'en raison des circonstances antérieures, il est raisonnable que le destinataire de l'offre informe l'offrant de son intention de ne pas accepter.

**Icyiciro cya 3: Ingurane mu ikorwa ry'amasezerano**

**Ingingo ya 33 : Kubaho kw'ingurane ku mpande zombi**

Gukora igisabwa cyangwa isezeranya ry'uhamagariwe gukora amasezerano biba ingurane iyo uwatanze isezeranya ariko abibona kandi ugenewe isezeranya akaba abikoze kubera ryo.

**Ingingo ya 34: Gukora inshingano ziteganywa n'amategeko**

Gukorera uwasezeranyijwe igikorwa gisabwa n'itegeko kidashidikanywaho kandi kitari mu rubanza ntibifatwa nk'ingurane.

**Ingingo ya 35: Ingurane ikwiye ku mpande zombi**

Iyo ingurane isabwa izwi n'iyo yaba itaratangwa, nta cyongera gusabwa cy'inyongera cyakomoka ku nyungu cyangwa ku gihombo.

**Icyiciro cya 4: Amasezerano adafite ingurane**

**Ingingo ya 36: Isezeranya ryo kwishyura umwenda wavuyeho kubera ubuzime**

Isezeranya ryo kurangiza inshingano zituruka ku masezerano yabayeho cyangwa kwishyura umwenda ushingiye ku gisa n'amasezerano

**Section 3: Consideration in the formation of the contract**

**Article 33: Requirement of consideration**

A performance or a promise by the promisee is a consideration if it is established as such by the promisor and is given by the promisee in exchange for that promise.

**Article 34: Performance of legal obligation**

Performance of a legal obligation owed to a promisee which is neither doubtful nor the subject of dispute is not consideration.

**Article 35: Fair consideration**

Where the required consideration is known even though it is not yet provided, there is no additional requirement as result of gain or loss.

**Section 4: Contracts without consideration**

**Article 36: Promise to pay a debt extinguished by prescription**

A promise to perform an antecedent contractual obligations or to pay quasi-contractual indebtedness shall be binding regardless of

**Section 3: Contrepartie dans la formation du contrat**

**Article 33: Exigence de contrepartie**

Une prestation ou une promesse faite par le bénéficiaire de la promesse est une contrepartie si elle est considerée comme telle par le promettant et est faite par le bénéficiaire de la promesse en échange de sa promesse.

**Article 34: Exécution d'une obligation légale**

L'exécution d'une obligation légale due au bénéficiaire de la promesse non douteuse ou non contentieuse ne vaut pas contrepartie.

**Article 35: Contrepartie équitable**

Lorsque la contrepartie exigée est connue, même avant qu'elle ne soit prestée, il n'y a pas d'exigence supplémentaire résultant du gain ou de la perte.

**Section 4: Contrats sans contrepartie**

**Article 36: Promesse de payer une dette éteinte par la prescription**

Une promesse d'exécution des obligations contractuelles antécédentes ou de paiement d'une dette quasi-contractuelle est contraignante même

yabayeho rigira agaciro kabone n'iyo izo nshingano cyangwa uwo mwenda byaba byaravuyeho kubera ubuzime.

Ibikorwa bikurikira bigira agaciro nk'ak'iryo sezeranya keretse hari ukundi biteganyijwe:

1° kwiyemerera ku bushake, bikorewe ugenewe inshingano ko hakiri umwenda wa mbere;

2° kohereza ku bushake amafaranga, inyandiko mvunjwafaranga cyangwa ikindi kintu gihawe ugenewe inshingano gitanzwe n'ufite inshingano, byaba inyungu ishamikiye ku mwenda wa mbere, byaba igice cy'ubwishyu, cyangwa ubugwate ku mwenda wa mbere;

3° kumenyesha ugenewe inshingano, yizezwa ko itegeko ryerekeye ubuzime ritazitabazwa, nk'uburyo bwo kwiregura.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Isezeranya ryo kwishyura umwenda wakuweho n'igihombo**

Isezeranya ryo kwishyura umwenda cyangwa igice cyawo rikozwe n'uwavaniweho umwenda mu ikurikirana ry'igihombo rigira agaciro.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Isezeranya ryo kurangiza inshingano zishobora guseswa**

Isezeranya ryo kurangiza inshingano yose cyangwa

whether those obligations or indebtedness are extinguised by prescription.

The following facts operate as such a promise unless otherwise provided:

1° a voluntary acknowledgment to the creditor admitting the existence of the antecedent indebtedness;

2° a voluntary transfer of money, a negotiable instrument, or other thing by the debtor to the creditor, such as interest on or partial payment of, or collateral security for, the antecedent indebtedness;

3° a statement to the creditor that the statute of prescription shall not be pleaded as a defence.

**<u>Article 37</u>: Promise to pay a debt extinguished due to bankruptcy**

A promise to pay all or part of an extinguished indebtedness made by a bankrupt, during an insolvency proceedings, is binding.

**<u>Article 38</u>: Promise to perform an obligation liable to annulment**

A promise to perform all or part of an obligation

si ces obligations ou cette dette sont éteintes par prescription.

Les faits suivants valent une telle promesse à moins qu'il ne soit prévu autrement:

1° une reconnaissance volontaire envers le créancier admettant l'existence d'une dette antérieure ;

2° un transfert volontaire d'argent, un titre négociable ou autre chose donnée au créancier par le débiteur, que ce soit des intérêts sur la dette antérieure, son paiement partiel ou encore une garantie sur cette dette;

3° une déclaration au créancier l'assurant que la loi relative aux prescriptions ne sera pas soulevée comme moyen de défense.

**<u>Article 37</u>: Promesse de payer une dette éteinte suite à la faillite**

Une promesse de payer la totalité ou une partie d'une dette éteinte faite par le failli, au cours d'une procédure de liquidation, est valable.

**<u>Article 38</u>: Promesse d'exécuter une obligation annulable**

Une promesse d'exécuter la totalité ou une partie

igice cyayo ishingiye ku masezerano yashoboraga guteshwa agaciro ariko uwakoze iryo sezeranya akaba atarabikoze mbere, iryo sezeranya rishya rigira agaciro keretse iyo isezeranya ryakozwe hatazwi uko ibintu biteye.

**Ingingo ya 39: Isezeranya ku nyungu yakiriwe**

Isezeranya rikozwe kubera inyungu utanze isezeranya yahawe n'ugenewe isezeranya rigira agaciro iyo bikozwe kugira ngo hataba akarengane ku mpande zombi.

Iryo sezeranya nta gaciro rigira iyo :

1° ugenewe isezeranya yatanze iyo nyungu nk'impano cyangwa ngo atume utanze isezeranya yikungahaza ku buryo budakwiye; cyangwa

2° agaciro k'isezeranya katangana n'inyugu yakiriwe.

**Ingingo ya 40: Guhindura amasezerano atararangizwa**

Isezeranya rihindura inshingano z'amasezerano atararangizwa yose rigira agaciro:

1° iyo ihindura ritabogamye kandi rikwiye hakurikijwe impamvu zitateganyijwe mu gihe amasezerano yakorwaga;
2° mu gihe ibyo biteganywa n'itegeko ryihariye;

liable to annulment but not voided by the promisor before the promise is made, is binding except when that promise was made in ignorance of the facts.

**Article 39: Promise for benefit received**

A promise made in recognition of a benefit received by the promisor from the promisee is binding if it was made to prevent injustice for both parties.

Such a promise is not binding if:

1° the promisee conferred the benefit as a gift or allowed unlawful enrichment of the promisor; or

2° its value is disproportionate to the received benefit.

**Article 40: Modification of a contract not yet fully performed**

A promise modifying an obligation under a contract not yet fully performed is binding:

1° if the modification is fair and equitable in view of circumstances not anticipated when the contract was made;
2° if the modification provided for by a specific law;

d'une obligation annulable, mais non annulée par le promettant avant que la promesse ne soit faite, est contraignante, à moins que cette promesse ait été faite dans l'ignorance des faits.

**Article 39: Promesse pour bénéfice reçu**

Une promesse faite en reconnaissance d'un bénéfice reçu par le promettant de la part du bénéficiaire de la promesse est contraignante si elle a été faite pour éviter une injustice pour les deux parties.

Une telle promesse n'est pas contraignante si :

1° le bénéficiaire de la promesse a accordé le bénéfice comme un cadeau ou a permis un enrichissement sans cause du promettant; ou

2° sa valeur n'est pas proportionnelle au bénéfice reçu.

**Article 40: Modification d'un contrat non encore exécuté**

Une promesse modifiant les obligations d'un contrat non encore totalement exécutées est contraignante:

1° si la modification est juste et équitable au vu des circonstances non anticipées au moment de la formation du contrat;
2° s'il est ainsi prévu par une loi particulière;

3° iyo habayeho impinduka nini ituma inshingano zasezeranyijwe zihinduka ku mpande zombi.

**Ingingo ya 41: Ibisabwa kugira ngo amasezerano adafite ingurane agire agaciro**

Isezeranya ridafite ingurane rigira agaciro iyo :

1° rikozwe mu buryo bw'inyandiko kandi ishyizweho umukono ;

2° ugenewe isezeranya yarahawe inyandiko igaragaza isezeranya ryakozwe;

3° uwakoze isezeranya n'urigenewe bagaragazwa mu mazina mu nyandiko cyangwa ku bundi buryo bwatuma imenyekana ryabo rishoboka.

**Icyiciro cya 5: Amasezerano asaba kugaragazwa n'inyandiko**

**Ingingo ya 42: Ubwoko bw'amasezerano bugomba kugaragazwa n'inyandiko**

Amasezerano akurikira ashobora kubamo uburiganya, agomba kugaragazwa n'inyandiko:

1° amasezerano adashobora kurangizwa mu gihe cy'umwaka umwe;

2° amasezerano agira ingaruka ku burenganzira ku mutungo utimukanwa;

3° in case of material change that results into the change of obligations for both parties.

**Article 41: Validity requirements for contracts without consideration**

A promise without consideration is binding if:

1° it is in a written form and signed;

2° the document containing the promise is delivered to the promisee;

3° the promisor and the promisee are named in the document or are otherwise identified.

**Section 5: Contracts evidenced in writing**

**Article 42: Types of contracts evidenced in writing**

The following types of contracts subject to frauds shall be evidenced in writing:

1° a contract which the duration of performance exceeds one year;

2° a contract impacting the right on immovable property;

3° en cas de modification substantielle qui entraine le changement d'obligations pour les deux parties.

**Article 41: Conditions de validité pour les contrats sans contrepartie**

Une promesse sans contrepartie est contraignante si:

1° elle est présentée sous forme écrite et signée;

2° le document contenant la promesse est remis au destinataire de la promesse;

3° le promettant et le bénéficiaire de la promesse sont nommés dans le document ou décrits d'une telle façon que leur identification soit possible.

**Section 5: Contrats constatés par écrit**

**Article 42: Types de contrats constatés par écrit**

Les contrats suivants susceptibles de faire l'objet de fraudes doivent être constatés par écrit:

1° un contrat dont la durée d'exécution excède une année ;

2° un contrat ayant un impact sur le droit aux biens immeubles;

3° amasezerano y'ubwishingire;

4° amasezerano y'igurisha ry'ibintu ku giciro kiri hejuru y'amafaranga y`u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000Frw);

5° amasezerano y'igurishwa ry'inyandiko z'agaciro.

Andi mategeko yihariye ashobora kugena ubundi bwoko bw'amasezerano bugaragazwa n'inyandiko.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Inyandiko igaragaza amasezerano**

Inyandiko iriho umukono igaragaza icyakozwe ikozwe atari mu rwego rw'amasezerano iba ihagije nk'ikimenyetso cy'amasezerano.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Kugira agaciro kw'amasezerano ku bayashyizeho umukono**

Iyo inyandiko y'amasezerano yashyizweho umukono na bamwe mu mpande zombi zo mu masezerano, ayo masezerano agira agaciro ku bayashyizeho umukono ariko ntakagira ku bandi.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Igihe inyandiko igaragaza amasezerano yakorewe**

Inyandiko igaragaza amasezerano ishobora gukorwa cyangwa gushyirwaho umukono igihe icyo ari cyo cyose mbere cyangwa nyuma y'ikorwa ry'amasezerano.

3° a surety contract ;

4° a contract for the sale of goods for the price exceeding fifty thousand Rwanda francs (50.000 rwf);

5° a contract for the sale of securities.

Other specific laws may determine other types of contracts evidenced in writing.

**<u>Article 43</u>: Writing evidencing a contract**

A signed document indicating a performance, not made in form of a contract, is sufficient as proof of contract.

**<u>Article 44</u>: Validity of a contract to the signatories**

Where a writing evidencing a contract is signed by some of the parties to the contract, the contract is valid to the signatories but not to the others.

**<u>Article 45</u>: Time of drawing up the writing evidencing a contract**

A writing evidencing a contract may be made or signed at any time before or after the formation of the contract.

3° un contrat de garantie ;

4° un contrat de vente de biens d'un montant de plus de cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw);

5° un contrat pour la vente de titres.

D'autres lois particulières peuvent déterminer d'autres types de contrats constatés par écrit.

**<u>Article 43</u>: Ecrit servant de preuve du contrat**

Un écrit signé indiquant ce qui a été fait mais qui n'est pas dressé sous forme d'un contrat suffit comme preuve du contrat.

**<u>Article 44</u>: Opposabilité du contrat aux signataires**

Lorsque l'écrit servant de preuve du contrat est signé par certaines des parties au contrat, ce contrat n'est opposable qu'aux seuls signataires et non aux autres.

**<u>Article 45</u>: Période d'élaboration de l'écrit servant de preuve du contrat**

L'écrit servant de preuve du contrat peut être fait ou signé à n'importe quel moment avant ou après la formation du contrat.

**UMUTWE WA III: IBISHOBORA GUTESHA AGACIRO AMASEZERANO**

**Icyiciro cya mbere: Ukwibeshya**

**Ingingo ya 46: Ukwibeshya kw'impande zombi**

Iyo ukwibeshya kw'impande ebyiri mu gihe cyo kugirana amasezerano ku byerekeranye n'icyo ayo masezerano yagombye kuba ashingiyeho cy'ingenzi mu gihe yakorwaga, bifite inkurikizi ku ishyirwa mu bikorwa ryayo ukurikije ibyumvikanweho, uruhande rubangamiwe n'ayo masezerano rushobora gusaba ko yateshwa agaciro, keretse iyo rwiyemeje kwirengera ingaruka zo kwibeshya.

**Ingingo ya 47: Ukwibeshya k'uruhande rumwe**

Iyo ukwibeshya k'uruhande rumwe mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano ku byerekeye icyo amasezerano yagombye kuba ashingiyeho cy'ingenzi mu gihe yakorwaga, bifite inkurikizi zimubangamiye, ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyumvikanweho, uruhande rubangamiwe rushobora gusaba gutesha agaciro amasezerano iyo:

1° inkurikizi zo kwibeshya zituma gushyira mu bikorwa amasezerano byamubera umutwaro uremereye ;

2° urundi ruhande bagiranye amasezerano rufite uruhare mu gutuma habaho kwibeshya.

**CHAPTER III: FACTORS WHICH MAY INVALIDATE A CONTRACT**

**Section One: Mistake**

**Article 46: Mistake of both parties**

Where, at the time of formation of a contract, a mistake of both parties as to the object matter has an effect on the performance of the contract as regards to what has been agreed on, the adversely affected party may request that the contract be void, unless he/she agrees to bear the risk of the mistake.

**Article 47: Mistake of one party**

Where, at the time of formation of a contract, a mistake of one party as to the object matter has an adverse effect on him/her as regard to the performance of what has been agreed on, the adversely affected party may request that the contract be void if:

1° the effect of the mistake is such that performance of the contract would be a heavy burden on him/her ;

2° the other party has responsibility in the occurrence of the mistake.

**CHAPITRE III: FACTEURS QUI PEUVENT INVALIDER UN CONTRAT**

**Section première : Erreur**

**Article 46: Erreur des deux parties**

Si, au moment de la formation du contrat, une erreur des deux parties sur la substance de la chose qui fait l'objet du contrat a un effet sur son exécution, en rapport avec ce qui a été convenu, la partie lésée peut demander l'annulation de ce contrat à moins qu'elle n'accepte de supporter le risque de l'erreur.

**Article 47: Erreur d'une partie**

Si, au moment de la formation du contrat, une erreur d'une partie sur la substance de la chose qui fait l'objet du contrat a un effet en sa défaveur sur l'exécution de ce qui a été convenu, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat si:

1° l'effet de l'erreur est tel que l'exécution du contrat serait un lourd fardeau pour lui ;

2° l'autre partie a une part de responsabilité dans la survenance de l'erreur.

**Ingingo ya 48: Ukwirengera ingaruka zo kwibeshya**

Uruhande rumwe rwirengera ingaruka zituruka ku kwibeshya iyo:

1° impande zombi zabyumvikanyeho;

2° ruzi neza ko igihe amasezerano yakorwaga rutari rufite ubumenyi buhagije ku byabaye birebana n'uko kwibeshya ariko rwarafashe ubwo bumenyi bwarwo nk'aho buhagije.

**Ingingo ya 49: Inkurikizi z'ikosa ry'uruhande rusaba kurenganurwa**

Ikosa ry'uruhande rumwe mu kwibeshya rishingiye kuko rutashoboye kumenya cyangwa kuvumbura ibyabaye mbere y'uko amasezerano akorwa ntibirubuza gusaba gutesha agaciro amasezerano cyangwa gusaba kuyasubiramo, keretse iyo amakosa aturuka ku buriganya kubera ko hatakurikijwe ibyangombwa rusange bigenderwaho mu gukora amasezerano.

**Icyiciro cya 2: Kugaragaza ibintu uko bitari**

**Ingingo ya 50: Uburyo bwo kugaragaza ibintu uko bitari**

Kugaragaza ibintu uko bitari bishobora kubaho mu buryo bukurikira:

**Article 48: Bearing the risk of a mistake**

A party bears the risk of a mistake when:

1° there is agreement of both parties;

2° a party is aware that, at the time the contract was made, it had only limited knowledge with respect to the facts to which the mistake relates but considered such limited knowledge as sufficient.

**Article 49: Effects of fault of a party seeking relief**

A mistaken party's fault in failing to know or discover the facts before the contract formation does not bar him/her from requesting invalidation or revision of the contract, unless the fault results from acting in bad faith by not complying with the general requirements governing the contract formation.

**Section 2: Misrepresentation of facts**

**Article 50: Types of misrepresentation of facts**

A misrepresentation of facts may be:

**Article 48: Supporter le risque de l'erreur**

Une partie supporte le risque de l'erreur lorsque :

1° il y a accord des deux parties ;

2° elle est consciente qu'au moment de la formation du contrat, elle n'avait qu'une connaissance limitée des faits en rapport avec l'erreur mais a considéré cette connaissance limitée comme étant suffisante.

**Article 49: Effets de la faute de la partie demanderesse**

La faute d'une partie qui a commis l'erreur et qui n'a pas pu connaître ou découvrir les faits avant la formation du contrat, ne lui empêche pas de demander l'annulation ou la révision du contrat, à moins que cette faute ne relève de la mauvaise foi liée à la non-conformité des conditions générales régissant la formation du contrat.

**Section 2: Représentation inexacte des faits**

**Article 50: Types de représentation inexacte des faits**

Une représentation inexacte des faits peut être une:

1° ukwemeza ibidahuye n'ukuri;

2° imyitwarire igamije kuyobya;

3° igikorwa kigamije cyangwa kizwi nkaho gisa n'ikigamije kubuza undi muntu kumenya ukuri;

4° guhisha icyo umuntu azi neza ko kimenyekanye byatuma urundi ruhande rutibeshya cyangwa rudakomeza kwibeshya. Kutabigaragaza bifatwa nk'igikorwa cy'uburiganya.

**Ingingo ya 51: Kugaragaza ibintu uko bitari birimo uburiganya cyangwa bikomeye**

Kugaragaza ibintu uko bitari biba birimo uburiganya iyo uwabikoze yari agamije gutuma urundi ruhande ku masezerano rugaragaza ukwemera kwarwo kandi uwabikoze:

1° azi cyangwa yemera ko ibyo yemeza ntaho bihuriye n'ibyabaye;
2° atizeye neza ko ibyo ahamya cyangwa ashaka kwemeza nk'ukuri ari byo;
3° azi ko nta bimenyetso afite cyangwa ashingiraho kuri ibyo yemeza.

Kugaragaza ibintu uko bitari biba bikomeye iyo bishobora gutuma umuntu wese ushyira mu gaciro agaragaza ukwemera kwe cyangwa iyo uwabikoze azi neza ko bishobora gutuma ubibonye agaragaza ukwemera kwe.

1° an assertion which does not conform to the truth;

2° a misleading conduct;

3° an action intended, or known to be likely to prevent another from learning the truth;

4° non-disclosure of a fact knowing that the disclosure would prevent the other party from making a mistake. The non diclosuse is considered as a fraudulent action.

**Article 51: Fraudulent or material misrepresentation**

A misrepresentation is fraudulent if the maker intends to induce the other party to manifest his/her assent and if the maker:

1° knows or believes that his/her assertion is not in accordance with the facts;
2° is not sure if what he/she states or implies as reality is true;
3° knows that he/she does not have the evidence of his/her assertion.

A misrepresentation is material if it would be likely to induce a reasonable person to manifest his/her assent, or if the maker knows that such misrepresentation would likely induce the recipient to manifest his/her assent.

1° affirmation qui n'est pas conforme à la vérité;

2° pratique trompeuse ;

3° action destinée, ou connue comme étant vraisemblablement destinée à empêcher une autre personne de connaître la vérité ;

4° non-révélation d'un fait sachant que sa révélation pourrait empêcher une erreur de l'autre partie. Cette non-révélation est considérée comme une pratique dolosive.

**Article 51: Représentation inexacte dolosive ou substantielle**

Une représentation inexacte des faits est dolosive si son auteur a l'intention d'inciter l'autre partie à manifester son consentement et si l'auteur:

1° sait ou croit que son affirmation n'est pas conforme aux faits;
2° n'est pas sûr de la vérité de ce qu'il affirme ou implique comme réalité;
3° sait qu'il ne dispose pas de preuves de ce qu'il affirme.

Une représentation inexacte des faits est substantielle si elle est susceptible d'inciter une personne raisonnable à manifester son consentement, ou si l'auteur sait que cette représentation inexacte des faits est susceptible d'inciter son destinataire à manifester son consentement.

**Ingingo ya 52: Kugaragaza ibintu uko bitari bituma urundi ruhande rwemera gukora amasezerano**

Kugaragaza ibintu uko bitari bifatwa nko kuyobya urundi ruhande iyo bitumye urwo ruhande rubishingiraho kugira ngo rufate icyemezo cyo gukora amasezerano.

**Article 52: Misrepresentation inducing the other party to consent**

A misrepresentation is a misleading conduct for another party if it substantially contributes to his/her decision to manifest his/her assent.

**Article 52: Représentation inexacte des faits incitant l'autre partie à consentir**

Une représentation inexacte des faits est une pratique trompeuse pour l'autre partie si elle contribue de façon substantielle à sa décision de manifester son consentement.

**Ingingo ya 53: Kugaragaza ibintu uko bitari bigatuma amasezerano adakorwa**

Iyo kugaragaza ibintu uko bitari ku biranga amasezerano cyangwa ingingo zayo z'ingenzi bitumye urundi ruhande rugira imyitwarire igaragaza ugushaka kwemera gukora amasezerano, iyo myitwarire ntifatwa nko kwemera.

**Article 53: Misrepresentation of facts inducing non formation of the contract**

If a misrepresentation as to the type, or essential terms of a contract induces conduct that appears to be a manifestation of assent by another party, this conduct is not effective as a manifestation of assent.

**Article 53: Représentation inexacte des faits entraînant la non formation du contrat**

